



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KW'UKUBOZA 2020

10 Mutarama 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKUBOZA 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 3,7% mu kwezi gushize kw'Ukuboza 2020 ugereranyije n'Ukuboza 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 4,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 3,7% mu kwezi kw'Ukuboza ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 6,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 3,1%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2020 na Ukuboza 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,6%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020), ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 0,5%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukuboza 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 4,1% ugereranyije n'Ukuboza 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ugushyingo 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 4,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,1% mu kwezi kw'Ukuboza ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 4,6% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,6%.

Ugereranyije ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020) ibiciro byagabanutseho 1,7%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 1,1%

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukuboza 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 3,9% ugereranyije n'Ukuboza 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 4,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 3,9% mu kwezi kw'Ukuboza 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 5,4% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020) ibiciro byagabanutseho 1,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 0,8%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2019 kugeza m'Ukuboza 2020.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2019 kugeza m'Ukuboza 2020 <i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2019	2020											
	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	6,7	7,3	8,7	8,5	8,0	9,2	9,0	9,2	8,8	8,9	7,2	4,2	3,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	15,8	14,6	17,1	16,5	11,7	10,5	11,2	13,2	12,4	12,2	10,9	4,7	4,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	11,9	11,5	13,5	13,1	10,1	9,9	10,3	11,5	10,9	10,8	9,3	4,5	3,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	-0,3	0,6	1,6	1,0	-0,2	2,0	-0,2	0,2	0,5	1,0	-0,9	-1,0	-0,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-1,1	-1,1	1,8	2,5	-3,0	-0,3	0,6	1,6	1,7	2,0	0,6	-0,7	-1,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,8	-0,4	1,7	1,9	-1,8	0,7	0,2	1,0	1,2	1,6	0,0	-0,8	-1,3

Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw